National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4 / P.O. Box 531 Kigali - Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RIGENEWE ITANGANZAMAKURU

## Banki Nkuru y'u Rwanda yagumishije igipimo cy'inyungu fatizo yayo kuri 4.5%:

Mu nama yayo ngarukagihembwe yateranye ku wa 18 Gashyantare 2021, Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga muri Banki Nkuru y'u Rwanda yasuzumye ibyagezweho nyuma y'ingamba zafashwe mu nama ishize, inasesengura uko ubukungu bwifashe n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere, ku rwego rw'Isi n'imbere mu Gihugu. Komite, imaze kubona ko iteganyamibare ryerekana ko igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kizaba kiri hasi y'igipimo fatizo Banki Nkuru igenderaho cya 5%, kandi ko hagikenewe ingamba zo gufasha ubukungu kuzanzamuka, yafashe icyemezo cyo gukomeza politiki yayo y'ifaranga yo korohereza ishoramari, igumisha igipimo cy'inyungu fatizo yayo kuri 4.5%.

## Ubukungu bw'Isi bwitezweho kuzanzamuka

Imibare iherutse gutangazwa n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari muri Mutarama 2021, igaragaza ko ubukungu bw'Isi bwagabanutse ku kigero cya 3.5% mu mwaka wa 2020 bitewe n'ingaruka z'icyorezo cya Koronavirusi. Biteganyijweko ubukungu bw'Isi buzazanzamuka bukazamuka ku kigero cya 5.5% mu mwaka wa 2021. Icyakora, ikigero cy'izanzamuka ry'ubukungu kizaba gitandukanye hirya no hino mu bihugu, bitewe n'impamvu zinyuranye zirimo; kugerwaho n'urukingo rwa Koronavirusi, ireme ry'ingamba nzahurabukungu, uko ubukungu bwari busanzwe buhagaze mbere y'icyorezo n'ibindi.

## Ubukungu bw'u Rwanda bwitezwe kuziba icyuho cyatewe n'icyorezo cya COVID-19:

Igipimo mpuzandengo cy'umusaruro mbumbe w'imbere mu Rwanda cyagabanutseho 4.1% mu bihembwe bitatu bibanza by'umwaka wa 2020, ugereranyije n'izamuka rya 8.3% mu gihe nk'iki cy'umwaka wa 2019. Mu gice cya kabiri cy'umwaka wa 2020, ubukungu bwagiye buzanzamuka buhoro buhoro, bitewe n'ingamba z'ubukungu zafashwe hamwe no koroshya ibyemezo bigamije gukumira ikwirakwira ry'ubwandu bwa Koronavirusi. Ibi bikaba bigaragazwa n'igipimo cyihuse cyifashishwa mu gusuzuma icyerekezo cy'ubukungu mu gihe cya vuba(CIEA), cyazamutseho 9.4% mu gice cya kabiri cy'umwaka wa 2020 nyuma yo kumanukaho 2.1% mu gice cya mbere. Byitezweko ubukungu bw'imbere mu Gihugu buzakomeza kuzahuka mu mwaka wa 2021, bitewe n'inyunganizi z'ingamba zafashwe na leta zo kuzahura ubukungu, n'ubwo hakiri urujijo ku byerekeranye n'iherezo ry'iki cyorezo. Itangwa ry'inkingo za Koronavirusi ku rwego rw'Isi n'imbere mu Gihugu, rizongerera icyizere abikorera kandi bihe ingufu izamuka ry'ubukungu.

## Uruhare rw'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR mu kugena inyungu ku isoko ry'imari rugenda rurushaho kugaragara:

Politiki ya BNR yo gukomeza korohereza ishoramari yakomeje kugira uruhare mu igabanuka ry'inyungu ku isoko ry'imari. Ku isoko ry'imari y'igihe gito, inyungu zagumye kuba hafi y'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR, mu mbago za 1% hasi no hejuru yacyo, aho impuzandengo y'inyungu Banki z'ubucuruzi zigurizanyaho yagabanutseho iby'ijana 11 igera kuri 5.35% mu mwaka wa 2020. Muri uwo mwaka kandi, igipimo mpuzandengo cy'inyungu ku nguzanyo zitangwa na Banki z'ubucuruzi, cyagabanutseho iby'ijana 14, kigera kuri 16.35%; ibi bikaba bifasha izamuka ry'ubukungu.

## Ibipimo by'imari ikoreshwa mu Gihugu ntibyahungabanyijwe n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19

Mu mwaka wa 2020, urwego rw'imari rwakomeje ubudahangarwa bitewe n'ingamba zafashwe zo kurusigasira, n'ubwo umuvuduko w'izamuka ry'inguzanyo nshya zisabwa n'abikorera wagabanutse bitewe n'ifungwa ry'ibikorwa by'ubukungu muri gahunda ya guma mu rugo. Igipimo cy'amafaranga yose akoreshwa mu Gihugu cyiyongereye ku kigero cya 18.0% mu mwaka wa 2020, kivuye kuri 15.4% mu mwaka wa 2019, biturutse ku izamuka ry'inguzanyo ku bikorera ryageze kuri 21.8% rivuye kuri 12.6% mu mwaka wabanje. Inguzanyo ku bikorera zazamutse bitewe n'ivugururwa ry'amasezerano y'inguzanyo ku bakiliya bagizweho ingaruka n'icyorezo cya Koronavirusi ndetse n'inguzanyo nshya zatanzwe mu mwaka wa 2020.

## Nta hindagurika rikabije ku isoko ry'ivunjisha

Mu mpera z'Ukuboza 2020, ifaranga ry'u Rwanda, ugereranyije n'idolari ry'Amerika, ryatakaje agaciro ku kigero cya 5.4% mu gihe ryari ryagatakaje ku kigero cya 4.9% mu mpera z'Ukuboza 2019. Ibi ahanini bikaba byaratewe n'uko nyuma y'ifungurwa ry'ibikorwa by'ubukungu, mu gice cya kabiri cy'umwaka, amadevize akenewe ku isoko yari menshi mu gihe ayinjiraga mu Gihugu yari make. Icyakora, nta hindagurika rikabije ryitezwe ku isoko ry'ivunjisha, kuko Igihugu cyashoje umwaka wa 2020 gifite ubwizigame bw'amadovize buhagije, bwafasha mu gutumiza ibintu mu mahanga mu gihe cy'amezi 5.9.

## Igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko giteganyijwe kuguma hasi muri 2021

Nk'uko byari biteganyijwe, igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko cyaragabanutse kigera kuri 5.0% mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2020, kivuye kuri 9.0% mu gihembwe cya gatatu 2020. Ibi byatewe ahanini n'igabanuka ry'igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko hatarimo iby'ibiribwa byangirika vuba n'iby'ibikomoka ku ngufu, hamwe n'iry'ibiciro by'ibiribwa byangirika vuba, bitewe n'umusaruro mwiza wabonetse mu gihembwe cy'ihinga 2021A. Mu mwaka wa 2021, biteganyijweko igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko, kizakomeza kuba hafi y'imbago yo hasi (2%). Kimwe mu byatuma igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko gitandukira inzira y'iri teganyamibare ni imyitwarire y'umusaruro w'ubuhinzi mu bihembwe by'ihinga B na C by'umwaka wa 2021.

Komite ya Politiki y'Ifaranga izakomeza gukurikiranira hafi uko ubukungu bw'Igihugu n'ubw'Isi bwifashe kandi yiteguye gufata ingamba zikwiye, igihe cyose bibaye ngombwa.

Ku wa 22 Gashyantare, 2021

Digitally signed by BNR (GOVERNOR)
Date: 2021.02.22 16:34:24 +02'00'

RWANGOMBWA John

Guverineri akaba

n'Umuyobozi wa Komite ya Politiki y'Ifaranga